# Sobanukirwa iby’Igihembwe cy’Urugaryi rwa 2025 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi y'Umwaka muri Maine

## Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 7 ripima ubushobozi nko:

- Gukoresha amakuru ukuye mu nyandiko mu gusubiza ibibazo byabajijwe ku nkuru, ku mukino, ku mivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Gusesengura uko urukurikirane, aho byabereye, n'abavugwa mu nkuru bikorana mu nkuru.
- Kwanzura ni impamvu n'ikimenyetso ubonye mu nyandiko byunganiea ibyo umwanditsi yavuze.
- Kugereranya no gutandukanya inyandiko ebyiri zivuga ku nsanganyamatsiko imwe.
- Gukoresha amarenga avugwa ku mutima w'inkuru n'ibice by'amagambo mu kumenya icyo amagambo asobanuye.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 7 ripima ubushobozi nko:

- Gusobanukirwa isanongira (uko ingano ihindukana n'ibindi bihindutse).
- Gukoresha imibare iri munsi no hejuru ya zeru mu mibare ukoresha.
- Gukemura amahurizo ukoresheje ibishushanyo by'igipimo no gushyiraho ibinyampande.
- Kubara ubuso n'ubunini bw'ibinyampande.
- Gukoresha amakuru mu gufata umwanzuro.

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Munsi cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Munsi y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

## Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

I gikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.

*Uko wabona Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho*